Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
**Akarere ka Nyamagabe**

# ITANGAZO RY'AKAZI K'IGIHE GITO

Hashingiwe ku ibaruwa **No 2188/12.00/2024 yo ku wa 22/11/2024** Minisitiri w'Uburezi yandikiye Uturere adusaba gushaka no gushyira mu mwanya abarimu b'abasimbura;

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe buramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi, ko hari akazi k'igihe gito (Temporarly job) gasabwa binyuze mu kigo cy'ishuri cyegereye usaba akazi, kugira ngo yinjizwe muri sisiteme yabugenewe ifasha mu gushaka abarimu basimbura abari mu kiruhuko cyo kubyara.

**Usaba akazi agomba kuba yemera ibi bikurikira:**

1. Gutanga Diplome (A2/A1/A0) iherekejwe n'indangamanota (Transcript/Report) bisikannye neza mu buryo busomeka;
2. Gukorera ku masezerano y'igihe gito (igihe kingana n'icyagenewe uwo asimbura);
3. Gukorera ku kigo atasabyeho mu gihe aho yasabye hatabonetse umwanya;

**Icyitonderwa:** Buri Muyobozi w'Ikigo cy'ishuri ushyikirijwe ubusabe abushyira muri sisiteme (TMIS) n'iyo yaba adafite umwarimu uzajya cyangwa uri mu kiruhuko.

**Bikorewe I Nyamagabe ku wa 03/01/2025**

**NIYOMWUNGERI Hildebrand**

**Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe**